**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Rwamagana, kuwa 10/7/2020
N° 006 /07.05.01

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma;**
**NGOMA.**

**Impamvu: Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 30/06/2020**

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira mbamenyesha ko imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yateranye kuwa 30/06/2020 yangezeho kuwa 03/07/2020.

Ndabashimira imyanzuro mwafashe ku ngingo zari ku murongo w'ibyigwa, nkaba nsaba ko mwatangira kuyishyira mu bikorwa, gusa ku myanzuro ya 9 na 12, ndajya inama ko habaho kugaragaza neza inyungu n'uruhare rw'Akarere mu myanzuro mwafashe, kandi ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga irebana n'ubutaka yose mu mujyi wa Kibungo igakorwa habayeho kubahiriza igishushanyo mbonera.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA.**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Ngoma, kuwa 03/ 07 /2020
No Ref.NJY/ 120 /07.05.06

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA NGOMA
INAMA NJYANAMA
Email: njyanamangoma@ngoma.gov.rw

Bwana Guverneri w'Intara y'Iburasirazuba

**RWAMAGANA**

**Impamvu:** Kohereza imyanzuro y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Ngoma yo ku italiki ya 30 Kamena 2020.

Bwana Guverneri,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbohererereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Ngoma yateranye ku italiki ya 30 Kamena 2020.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakiriye.

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'IBURASIRAZUBA

AKARERE KA NGOMA

INAMA NJYANAMA

Email: discouncilngoma@yahoo.fr

# IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 30/06/2020: IGIHEMBWE CYA KANE 2019-2020

Kuwa kabiri tariki ya **30 Kamena 2020**, Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira mu cyumba mberabyombi cy' Akarere, iyobowe n' Umuyobozi wayo **Bwana BANAMWANA Bernard**.

Inama yatangiye imirimo yayo i saa tatu (09h00) za mu gitondo , yubahirije amabwiriza yo kwirinda Coronavirus , yitabirwa n' Abajyanama 25 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira :

1. Muligo Ladislas
2. Namanya William
3. MUKANKUNZI Pelagie
4. Kirenga Providence

Inama yitabiriwe kandi n' abandi batumirwa bakurikira:

-Intumwa ya MINECOFIN Bwana **TWESIGE Wilson**

-Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Akarere ka Ngoma

-Abayobozi b' Amashami mu Karere ka Ngoma;

-Abanyamabanga Nshingwabikorwa b' Imirenge yose uko ari 14 igize Akarere ka Ngoma;

-Abayobozi ba Komisiyo za JADF mu Karere ka Ngoma;

-Abayobozi b' Inzego z' Umutekano mu Karere ka Ngoma.

Mu ijambo rye atangiza inama,Umuyobozi w' Inama Njyanama y' Akerere ka Ngoma, yahaye ikaze abitabiriye inama abifuriza kugira inama nziza abasaba gutanga ibitekerezo ku ngingo zigwaho; akomeza abagezaho ibiri ku murongo w'ibyigwa.

**K'umugorongo w'ibyigwa hateganyijwe ingingo zikurikira:**

1. Gusoma , gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y' inama isanzwe y' Inama Njyanama yo kuwa 29/11/2019 n' iy' Inama idasanzwe yo kuwa 04/03/2020;
2. Gusuzuma raporo y' imikoreshereze y' ingengo y' imari y'Akarere ka Ngoma y' umwaka wa 2019-2020.
3. Gusuzuma no kwemeza ingengo y' imari y' Akarere ka Ngoma y' Umwaka wa 2020-2021.
4. Gusuzuma no kwemeza ibipimo by' imisoro n' amahoro (Tarrif) mu karere ka Ngoma mu mwaka wa 2020-2021
5. Gusuzuma no kwemeza amasoko Akarere ka Ngoma gateganya gutanga mu mwaka wa 2020-2021
6. Amabaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye inama Njyanama y'Akarere.
   - Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye inama Njyanama y'Akarere ku italiki asaba ko ikusanyirizo ry'inanasi rya Sake ryahindumwamo ikigo cy'urubyiruko(Yego center)
   - Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye inama Njyanama y'Akarere asaba ko agasoko ka Remera(selling point) ryahindumo agakiriro.
   - Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama kugabanyiriza abaturage bo mucyiciro cya 1 nicya 2 cy'ubudehe ikiguzi cy'ibikoresho byo kuhira .
   - Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba kubaka gare k'ubufatanye na Jali investment Ltd.
   - Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba ubutaka bwa leta bwo kubakamo inzu ya Polisi

**7.IBINTU N'IBINDI**

- Amakuru ya Hotel ya Ngoma

Abari mu nama bamaze kwemeza ibiri k'umurongo w'ibyigwa basuzumye ingingo yindi maze bafata imyanzuro ikurikira:

**INGINGO YA 1:**

**Gusoma , gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y' inama isanzwe y' Inama Njyanama yo kuwa 29/11/2019 n' iy' inama idasanzwe yo kuwa 04/03/2020 kuzikorera ubugororangingo no kuzemeza;**

**Umwanzuro wa mbere**: Nyuma yo gusoma no gusengura imyanzuro y'inama Njyanama isanzwe yo ku italiki ya 29/11/2019 ni iy'inama Njyanama idasanzwe yo ku italiki ya 04/03/2020 abagize inama Njyanama barayemeje bamaze kuyikorera ubugorangingo.

**INGINGO YA 2: Gusuzuma raporo y' imikoreshereze y' ingengo y' imari y' Akarere ka Ngoma y' umwaka wa 2019-2020**

Ku ngingo ya raporo y' imikoreshereze y' ingengo y' imari 2019-2020, Umugenga w' Ingengo y'Imari y'Akarere **Bwana Kanayoge Alex(Umunyamabanga Nshingwabikrwa w'Akarere)** , yagejeje iyo raporo ku bateraniye mu cyumba cy' inama, agaragaza ko yakoreshejwe ku kigero cya 90 %, naho 10 % asigaye akaba agizwe n' amafaranga Akarere katohererejwe n' abagombaga kuyatanga hamwe n' ayagomba kwishyurwa ba Rwiyemezamirimo ku mirimo itararangira.

**Umwanzuro wa kabiri:** Nyuma y' ibisobanuro byatanzwe n'Umugenga w' Ingengo y'Imari y'Akarere ka Ngoma ; Inama Njyanama yemeje raporo ku mikoreshereze y' ingengo y' imari ya 2019-2020 .

**INGINGO YA 3: Gusuzuma no kwemeza ingengo y' imari y' Akarere ka Ngoma y' Umwaka wa 2020-2021**

Umugenga w'Ingengo y'Imari y'Akarere yagaragarije abari mu nama ibikorwa biteganyijwe mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021 n'amafaranga yateganyirijwe buri gikorwa.

**Umwanzuro wa 3**: Nyuma y' ibisobanuro birambuye byatanzwe n'Umugenga w' Ingengo y'imari y'Akarere,Inama Njyanama y'Akarere yemeje Ingengo y' Imari y' Akarere ka Ngoma ku buryo bukurikira:

3.1. Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yemeje ; " Ingengo y' imari yose **y' Akarere ka Ngoma mu mwaka wa 2020-2021"** ingana na Miliyari makumyabiri, miliyoni magana abiri na mirongo ine n'eshatu ,ibihumbi magana atanu mirongo itatu na birindwi n'amafaranga magana arindwi mirongo inani n'arindwi y' u Rwanda (**20,243,537,787 Frw**)

3.2.Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yemeje " **amafaranga azinjizwa n' Akarere**(District Own revenues) " angana na Miliyari imwe , Miliyoni magana ane makumyabiri n'eshanu, Ibihumbi Magana atanu mirongo ine n'icyenda n'amafaranga Magana atandatu mirongo ine n'icyenda y'u Rwanda (**1,425,549,649 Frw**);

3.3. Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yemeje " **Inkunga z' ubutegetsi bwite bwa Leta (Transfers from the Central Government)** " zingana na Miliyali cumi n'eshanu , Miliyoni mirongo icyenda n'icyenda, Ibihumbi magana abiri na mirongo cyenda n' amafaranga Ijana na mirongo cyenda n' ane y'u Rwanda(**15,099,290,194 Frw**);

3.4. Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yemeje " **izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta n'amafaranga y'abaterankunga (Other government Agencies and donor funds)**" bingana na Miliyari eshatu, Miliyoni magana arindwi na cumi n'umunani, Ibihumbi magana atandatu mirongo cyenda na birindwi n'amafaranga Magana cyenda mirongo ine n'ane y' u Rwanda (3,718,697,944 **Frw**) ;

3.5. Inama Njyanama y' Akarere ka Ngoma yemeje ko mu ngengo y' Imari 2020-2021, hari amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari isanzwe( Recurrent expenditures) ; angana na Miliyari cumi n'imwe,miliyoni mirongo itandatu n'eshatu,ibihumbi magana inani na mirongo inani,n'amafaranga Magana abiri n'ane y'u Rwanda(**11,063,880,204 Frw** ,n'andi azakoreshwa mu mishinga y' Iterambere(Development Projects Expenditures) angana na Miliyali icyenda , miliyoni ijana na mirongo irindwi n'icyenda ,ibihumbi Magana atandatu mirongio itanu na birindwi n'amafaranga Magana atatu mirongo inani n'atatu y'u Rwanda (9,179,657,583 frw)).

**INGINGO YA 4: Gusuzuma no kwemeza ibipimo by'imisoro n' amahoro (Tarrif) mu Karere ka Ngoma mu mwaka wa 2020-2021**

**Umwanzuro wa kane**: Inama Njyanama imaze kugezwaho ibipimo by'imisoro n'amahoro (tarrif) ya 2020-202 yarabyemeje.

**INGINGO YA 5: Gusuzuma no kwemeza amasoko Akarere ka Ngoma gateganya gutanga mu mwaka wa 2020-2021**

**Umwanzuro wa gatanu** : Inama Njyanama imaze kugezwaho ingengabihe y'amasoko Akarere kifuza kuzatanga mu mwaka 2020-2021; yarayemeje yose uko ari mirongo itanu n'atandatu(56) harimo amasoko 16 y' ibigemurwa(Goods); amasoko 18 y'imirimo(Works) ; amasoko 16 ya serivisi n'amasoko y'impuguke (consultancy) 6.

**INGINGO YA 6: Amabaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye inama Njyanama y'Akarere.**

1. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye inama Njyanama y'Akarere asaba ko ikusanyirizo ry'inanasi rya Sake ryahindumwamo ikigo cy'urubyiruko(Yego center)

**Umwanzuro wa 6 :** .Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imaze gusuzuma icyo cyifuzo , yemeje ko iyo nzu yatizwa ikigo cy' urubyiruko (Yego Center) ; bagakora "Business plan" y'ibyo bazahakorera ibigomba no kugaragamo ibifitanye isano n'ubhinzi(agiribusiness).

2. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye inama Njyanama y'Akarere asaba ko agasoko ka Remera(selling point) kahindurwamo agakiriro.

**Umwanzuro wa 7 :** Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imaze gusuzuma no gusesengura icyifuzo cy'umuyobozi w'Akarere yemeje ko Ubuyobozi bw'akarere bwategura imishiga 2 ; uw'isoko n'uw'agakiriro ; isobanura neza buri gikorwa n'inyungu gifitiye abaturage muri rusange kugira ngo hazarebwe icyagira inyungu kurusha ikindi.

3. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba kwemeza Nkunganire ya 75% itangwa ku bikoresho byo kuhira ku buso buto , ku bahinzi bo mu cyiciro cya mbere n'icya 2 cy' Ubudehe (cat I&II ) .

**Umwanzuro wa 8**: Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imaze gusuzuma no gusesengura icyifuzo cy'umuyobozi w'Akarere, yemeje ko abaturage bari mu cyiciro cya 1 n'icya 2 cy'ubudehe buhira ku buso buto , bahabwa nkunganire ya 75%.

4. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba gusuzuma umushinga wo kubaka Gare ya Ngoma ku bufatanye na JALI INVESTMENT LTD.

**Umwanzuro wa 9 :** Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imaze gusuzuma no gusesengura umushinga wo kubaka gare ku bufatanye bwa Jali Investment Ltd ; yemeje ibyifuzo byayo biteye bitya :

- Kuvugurura MoU no gusubiramo igishushanyo bikagendana n'uko ikibanza kingana kuko igice kimwe cy' ubutaka bwashyizwe kuri Stade;
- Akarere kahara Ishoramari ryako mu mushinga ringana na 52.424.182 frw=1,4% ; Jali Investment Ltd ikazayakoresha mu kwishyura kwimura abaturage batuye inyuma ya gare mu rwego rwo kwagura icyo kibanza cya gare.

5. Ibaruwa Umuyobozi w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba kwemerera Polisi y'u Rwanda kubaka ku butaka bw' Akarere isanzwe ifiteho inyubako ikoreramo, buherereye mu murrenge wa Kibungo, akagali ka Karenge , Umudugudu w' Isangano; bufite UPI : 5/06/05/04/1574

**Umwanzuro wa 10**: Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma imaze gusuzuma no gusesengura icyifuzo cya Polisi y'u Rwanda , ibemereye ubutaka bwo kubakamo ; Ibiro by'Akarere bishinzwe Imiturize bikazajya kwereka polisi imbago z'aho izubaka.

6. Ibaruwa ya KAYIJAMAHE Pricille yandikiye Inama Njyanama asaba gusubizwa ubutaka bukomoka kuri Se KAYIJAMAHE Callixte ; burimo imidugudu ; buherereye mu mirenge ya Gashanda na Jarama.
   Muri Gashanda hangana na Ha 40 hatuyemo abaturage 68 ; mu kagali ka Cyerwa ; mu mudugudu wa Muyange ; Nyamugali na Cyerwa
   Muri Jarama hangana na Ha 14 hatuyemo abaturage 16 ; mu kagali ka Kigoma ; umudugudu wa Ramba.

**Umwanzuro wa 11** : Inama Njyanama imaze gusuzuma no gusesengura iki kibazo, yasabye Komite Nyobozi kwandikira Intumwa nkuru ya Leta, igishwa inama kuri iki kibazo kugirango gikemuke neza.

7. Ibaruwa ya IPRC Ngoma yandikiye Inama Njyanama isaba gutizwa ubutaka bwo gukoreraho umushinga ugamije kwigisha abanyeshuri n'abaturage ubworozi bw'inkoko bwa kijyambere( Service Training and Innovation Center(STIC)-Poutry Faming Training Center(PFTIC ).

**Umwanzuro wa 12 :** Inama Njyanama imaze gusesengura ubusabe bw'uyu mushinga, isanga ari umushinga uzagirira akamaro abaturage ba Ngoma n'abanyeshuri ba IPRC Ngoma, mu kubateza imbere mu bworozi bw'inkoko( kubigisha korora, kubaha icyororo no kubagurira umusaruro) ; yemeye kubatiza ubwo butaka.

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi z'umugoroba(16:00pm).

**Bikorewe i Ngoma kuwa 30 Kamena 2020.**

Umwanditsi w' Inama

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w' Inama Njyanama

y' Akarere ka Ngoma

Umuyobozi w 'Inama

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w' Inama Njyanama

y' Akarere ka Ngoma

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 30/06/2020**

| S/N | AMAZINA YOMBI | IGITSINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BANAMWANA Bernard | M | ZAZA | TEL: 0788310705<br>EMAIL: banamwana5@gmail.com | |
| 2 | Prof KANOBANA M | M | SAKE | TEL: 0788413212<br>EMAIL: mutkanobana@yahof | |
| 3 | Mukankuranga Béatrice | F | Kibungo | TEL: 0788457849<br>EMAIL: mukankurangabea65@gmail.com | |
| 4 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |
| 5 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |
| 6 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |
| 7 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |
| 8 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 30/06/2020**

| S/N | AMAZINA YOMBI | IGITSINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GASANA Jean de Dieu | M | MURAMA | TEL: 0788524525<br>EMAIL: jeandegasana@gmail.com | |
| 2 | Habakurama Oreste | M | Kibungo | TEL: 0788590033<br>EMAIL: hirwakurama@gmail.com | |
| 3 | HAKIZIMANA Augustin | M | Kibungo | TEL: 0788 604 376<br>EMAIL: hakizaustin@gmail.com | |
| 4 | KABANYANA Candide | F | Rukumberi | TEL: 0783338779<br>EMAIL: kabanyanacandide@gmail.com | |
| 5 | MBARANGA Eudence Gentry | M | Murama | TEL: 0788871752<br>EMAIL: eudencembaranga@gmail.com | |
| 6 | MUGIRANEZA E. Thierry | M | Rurenge | TEL: 0788430785<br>EMAIL: kmugiraneza1@gmail.com | |
| 7 | ISINGIZWE Aline | F | Rurenge | TEL: 0788889832<br>EMAIL: isingizwealine@gmail.com | |
| 8 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |

## ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 30/06/2020

| S/N | AMAZINA YOMBI | IGITSINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | KATIFESI Faulatte | F | Karembo | TEL: 0788770827<br>EMAIL: Kalefaua@yahoo.fr | |
| 2 | KIMENYI Martin | M | KAZO | TEL: 0788849461<br>EMAIL: kimetini@yahoo.fr | |
| 3 | MAPAMBANO D | M | Rukira | TEL: Mapambanoc@gmail.com<br>EMAIL: 0788307542 | |
| 4 | MUSABWASONI M. G. Sandra | F | Zaza | TEL: 0788541285<br>EMAIL: musandrace@gmail.com | |
| 5 | UMUHIRE Marie Providence | F | SAKE | TEL: 0788630377<br>EMAIL: uwmuprov80@gmail.com | |
| 6 | SINAYOBYE Innocent | M | Murama | TEL: 0788350068<br>EMAIL: Sinayobyei@gmail.com | |
| 7 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |
| 8 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |

**ABAJYANAMA B'AKARERE BITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA KU ITALIKI YA 30/06/2020**

| S/N | AMAZINA | IGITSINA | UMURENGE | TEL & EMAIL | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | MUKARUTESI Chantal | F | KIBUNGO | TEL: 0788467995<br>EMAIL: chantalrutesi@gmail.com | [signature] |
| 2 | UWINGABIRE Fausca | F | Gashanda | TEL: 078853966?<br>EMAIL: uwifausca@yahoo.fr | [signature] |
| 3 | UWIMANA Florence | F | KAZO | TEL: Uwimanaflorence@gmail.com<br>EMAIL: | [signature] |
| 4 | RUKUNDO Gulain | M | Gashanda | TEL: 0788574139<br>EMAIL: gulainie@yahoo.com | [signature] |
| 5 | Aphrodise Nambaje | M | Kibungo | TEL: 0786859415<br>EMAIL: aphrodise.nambaje@gov.rw | [signature] |
| 6 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |
| 7 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |
| 8 | | | | TEL:<br>EMAIL: | |